

ITEGEKO N°39/2015 RYO KU WA
22/08/2015 RYEREKEYE IMICUNGIRE
Y'IMITUNGO YASIZWE NA BENE YO

LAW N°39/2015 OF 22/08/2015
RELATING TO THE MANAGEMENT OF
ABANDONED PROPERTY

LOI N°39/2015 DU 22/08/2015
RELATIVE A LA GESTION DES BIENS
ABANDONNES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER:
DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri itegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Imitungo irebwa n'iri tegeko

Article 2: Property falling within the scope
of this Law

Article 2 : Biens relevant du champ
d'application de la présente loi

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Article 3: Definition of terms

Article 3: Définition des termes

UMUTWE WA II: UBURYO BWO
KUBARURA IMITUNGO YASIZWE NA
BENE YO NO GUHABWA AMAKURU

CHAPTER II: PROCEDURES FOR
CONDUCTING INVENTORY OF
ABANDONED PROPERTY AND
COLLECTING INFORMATION

CHAPITRE II: MODALITES
D'INVENTAIRE DES BIENS
ABANDONNES ET DE COLLECTE
D'INFORMATIONS

Ingingo ya 4: Ibarura ry'imitungo yasizwe
na bene yo

Article 4: Inventory of abandoned property

Article 4 : Inventaire des biens abandonnés

Ingingo ya 5: Ibarura ry'amakonti yo mu
mabanki n'ibindi bigo by'imari

Article 5: Inventory of accounts in banks
and other financial institutions

Article 5 : Inventaire des comptes dans les
banques et autres institutions financières

Ingingo ya 6: Amakuru ku mitungo yasizwe
na bene yo

Article 6: Information on abandoned
property

Article 6: Information sur les biens
abandonnés

Ingingo ya 7: Ingaruka zo guhisha amakuru
ku mitungo yasizwe na bene yo

Article 7: Consequences of concealing
information on abandoned property

Article 7: Conséquences liées à la
dissimulation des informations sur des
biens abandonnés

UMUTWE WA III: ITANGWA RY'IBIMENYETSO NO GUSUBIZWA UMUTUNGO	CHAPTER III: PROVISION OF EVIDENCE AND RESTITUTION OF PROPERTY	CHAPITRE III: PRESENTATION DE PREUVES ET RESTITUTION DES BIENS AU PROPRIETAIRE
<u>Ingingo ya 8:</u> Itangwa ry'ibimenyetso	<u>Article 8:</u> Providing evidence	<u>Article 8:</u> Présentation de preuves
<u>Ingingo ya 9:</u> Gusuzuma no gutanga umwanzuro ku bimenyetso	<u>Article 9 :</u> Examination of and decision on evidence	<u>Article 9:</u> Examiner et décider sur des preuves
<u>Ingingo ya 10 :</u> Gusubiza umutungo nyirawo	<u>Article 10:</u> Restitution of the property to the owner	<u>Article 10 :</u> Restitution des biens au propriétaire
UMUTWE WA IV: IMICUNGIRE Y'IMITUNGO YASIZWE NA BENE YO	CHAPTER IV: MANAGEMENT OF THE ABANDONED PROPERTY	CHAPITRE IV: GESTION DES BIENS ABANDONNES
<u>Ingingo ya 11:</u> Uruhare rwa Leta mu gucunga imitungo yasizwe na bene yo	<u>Article 11:</u> Role of the State in the management of abandoned property	<u>Article 11:</u> Rôle de l'Etat dans la gestion des biens abandonnés
<u>Ingingo ya 12:</u> Amasezerano arebana n'ubukode bw'imitungo yasizwe na bene yo	<u>Article 12:</u> Rental agreement for abandoned property	<u>Article 12:</u> Contrat de location relatif aux biens abandonnés
<u>Ingingo ya 13:</u> Isanwa ry'umutungo wasizwe na bene wo	<u>Article 13:</u> Renovation of abandoned property	<u>Article 13 :</u> Rénovation des biens abandonnés
<u>Ingingo ya 14:</u> Gutanga ikibanza, inzu ituzuye cyangwa yasenutse n'ibikorwa birimo byasizwe na bene byo	<u>Article 14:</u> Transfer of a plot, unfinished or a demolished house and associated facilities in a state of abandonment	<u>Article 14:</u> Cession d'une parcelle ou d'une maison inachevée ou démolie et des installations connexes mises en abandon
<u>Ingingo ya 15:</u> Ububasha bwemewe bwo gucunga umutungo wasizwe na bene wo	<u>Article 15:</u> Power of attorney to manage the abandoned property	<u>Article 15:</u> Procuration relative à la gestion des biens abandonnés
<u>Ingingo ya 16:</u> Umusoro ukomoka ku mitungo yasizwe na bene yo	<u>Article 16:</u> Tax on abandoned property	<u>Article 16:</u> Redevance sur les biens abandonnés
<u>Ingingo ya 17:</u> Imicungire ya konti	<u>Article 17:</u> Management of deposit accounts	<u>Article 17:</u> Gestion des comptes relatifs aux

z'imitungo yasizwe na bene yo	related to the abandoned property	biens abandonnés
<u>Ingingo ya 18:</u> Gusubiza amafaranga ari kuri Konti z'imitungo yasizwe na bene yo	<u>Article 18:</u> Refunding the money on the accounts of the abandoned property	<u>Article 18:</u> Restitution de l'argent se trouvant sur les comptes relatifs aux biens abandonnés
<u>Ingingo ya 19:</u> Ubugenzuzi	<u>Article 19:</u> Audit	<u>Article 19:</u> Audit
<u>UMUTWE WA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO, IZINYURANYE N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER V: TRANSITIONAL MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES, DIVERSES ET FINALES</u>
<u>Ingingo ya 20:</u> Igihe cyo kuvugurura ububasha bwo gucunga umutungo wasizwe na bene wo	<u>Article 20:</u> Period allocated to the renewal of power of attorney to manage the abandoned property	<u>Article 20:</u> Délai de renouvellement de procuration relative à la gestion des biens abandonnés
<u>Ingingo ya 21:</u> Igihe gisonewe uburyozwe	<u>Article 21:</u> Period for waiver of liability	<u>Article 21:</u> Période d'exonération de responsabilité
<u>Ingingo ya 22:</u> Igihe gisonewe ubwishyu bw'umusaruro n'ubw'ibyakoreshejwe mu gusana imitungo yasizwe na bene yo	<u>Article 22:</u> Period for liability waiver of payment of incomes and reimbursements of maintenance costs on the abandoned property	<u>Article 22:</u> Période de non exigibilité des revenus et des dépenses d'entretien sur les biens abandonnés
<u>Ingingo ya 23:</u> Uburenganzira bwo kwitabaza inkiko	<u>Article 23 :</u> Right to take a legal action	<u>Article 23 :</u> Droit d'intenter une action en justice
<u>Ingingo ya 24:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	<u>Article 24:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 24:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 25:</u> Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 25 :</u> Repealing provision	<u>Article 25:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 26:</u> Igihe itegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 26:</u> Commencement	<u>Article 26:</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special of 16/10/2015

**ITEGEKO N° 39/2015 RYO KU WA
RYEREKEYE IMICUNGIRE
Y'IMITUNGO YASIZWE NA BENE YO**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA
KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA
MU IGAZETI YA LETA YA
REPUBULIKA Y'U RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w' Abadepite, mu nama yawo yo ku
wa 18 Kamena 2015;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo
ku wa 13 Nyakanga 2015;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika
y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003,
nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane
mu ngingo zaryo, iya 29, iya 62, iya 66, iya 67,
iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya
95, iya 108, iya 183 n'iya 201;

Isubiye ku Itegeko n° 28/2004 ryo ku wa
03/12/2004 ryerekeye imicungire y'imitungo
idafite bene yo;

**LAW N° 39/2015 OF 22/08/2015
RELATING TO THE MANAGEMENT OF
ABANDONED PROPERTY**

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF
RWANDA**

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 18
June 2015;

The Senate, in its session of 13 July 2015;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,
especially in Articles 29, 62, 66, 67, 88, 89, 90,
92, 93, 94, 95, 108, 183 and 201;

Having reviewed the Law n° 28/2004 of
03/12/2004 relating to the management of
abandoned property;

**LOI N° 39/2015 DU 22/08/2015
RELATIVE A LA GESTION DES BIENS
ABANDONNES**

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
REPUBLIQUE DU RWANDA**

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du
18 juin 2015;

Le Sénat, en sa séance du 13 juillet 2015 ;

Vu la Constitution de la République du
Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce
jour, spécialement en ses articles 29, 62, 66,
67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 183 et 201;

Revu la Loi n° 28/2004 du 03/12/2004
relative à la gestion des biens abandonnés ;

YEMEJE:	ADOPTS:	ADOPTÉ:
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS	CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri itegeko rigamiye	<u>Article One:</u> Purpose of this Law	<u>Article premier :</u> Objet de la présente loi
Iri tegeko rigamiye kugena imicungire y'imitungo yasizwe na bene yo.	This Law determines the management of abandoned property.	La présente loi porte sur la gestion des biens abandonnés.
<u>Ingingo ya 2:</u> Imitungo irebwa n'iri tegeko	<u>Article 2:</u> Property falling within the scope of this Law	<u>Article 2:</u> Biens relevant du champ d'application de la présente loi
Imitungo irebwa n'iri tegeko, ni imitungo yose itimukanwa cyangwa yimukanwa iri mu maboko y'abatayifitiye uburenganzira, bene yo bakaba:	The property falling within the scope of this Law shall be any immovable or movable property unrightfully possessed by others due to the fact that the rightful owners:	Les biens relevant du champ d'application de la présente loi sont tous les biens meubles ou immeubles en possession irrégulière par autrui du fait que leurs propriétaires légitimes :
1° barapfuye kandi nta muntu uriho wo kubazungura wemewe n'amategeko;	1° died without leaving a legally recognized heir;	1° sont décédés sans héritier légalement reconnu ;
2° batari mu Rwanda kubera impamvu zinyuranye kandi bakaba ntawe basize wo kuyicunga ubifitiye uburenganzira.	2° do not reside in Rwanda for various reasons without having left behind a person legally authorized to manage their property.	2° ne résident pas au Rwanda pour diverses raisons sans avoir laissé derrière eux une personne légalement autorisée à en assurer la gestion.
Iri tegeko kandi rireba imitungo yimukanwa cyangwa itimukanwa yandagaye yasizwe na bene yo kubera impamvu zivugwa mu gace ka 1° n'aka 2° tw'igika cya mbere cy'iyi ngingo.	This Law shall also apply to movable or immovable property neglected by owners for reasons referred to in items 1° and 2° of Paragraph One of this Article.	La présente loi s'applique également aux biens meubles ou immeubles qui ont été délaissés par leurs propriétaires pour des raisons visées aux points 1° et 2° de l'alinéa premier du présent article.
<u>Ingingo ya 3:</u> Ibisobanuro by'amagambo	<u>Article 3:</u> Definition of terms	<u>Article 3:</u> Définition des termes
Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite	In this Law, the following terms shall have the	Aux fins de la présente loi, les termes repris

Official Gazette n° Special of 16/10/2015

ibisobanuro bikurikira:

following meanings:

ci-après ont les significations suivantes :

1 ° **Minisiteri:** Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano zayo;

1° **Ministry:** the Ministry in charge of justice;

1° **Ministère :** le Ministère ayant la justice dans ses attributions ;

2 ° **Minisitiri:** Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze;

2° **Minister:** the Minister in charge of justice;

2° **Ministre :** le Ministre ayant la justice dans ses attributions

3 ° **Umutungo wandagaye:** umutungo wimukanwa cyangwa utimukanwa wasizwe na nyirawo ukaba:

3° **neglected property:** movable or immovable property left behind by the owner when :

3° **biens délaissés :** biens meubles ou immeubles laissés par son propriétaire lorsque :

a) nta muntu uwitaho;

a) there is no one to take care of it;

a) il n'y a personne pour en prendre soin ;

b) udafashwe neza ku buryo ushobora guteza umutekano muke;

b) it is poorly maintained so that it poses a safety threat;

b) ils sont mal entretenus de façon qu'ils constituent une menace pour la sécurité ;

c) ukorehwa mu buryo butubahiriza amategeko agenga icungwa ryawo.

c) it is used in breach of the laws governing its management.

c) ils sont utilisés en violation des lois régissant leur gestion.

UMUTWE WA II: UBURYO BWO KUBARURA IMITUNGO YASIZWE NA BENE YO NO GUHABWA AMAKURU

CHAPTER II: PROCEDURES FOR CONDUCTING INVENTORY OF ABANDONED PROPERTY AND COLLECTING INFORMATION

CHAPITRE III: MODALITES D'INVENTAIRE DES BIENS ABANDONNES ET DE COLLECTE D'INFORMATIONS

Ingingo ya 4: Ibarura ry'imitungo yasizwe na bene yo

Article 4: Inventory of abandoned property

Article 4: Inventaire des biens abandonnés

Ubuyobozi bw'Umurenge bukora ubuhuzabikorwa bwo ku rwego rw'Akagari n'Umudugudu, hagaragazwa imibare y'imitungo yasizwe na bene yo, abahoze ari bene yo, icyatumye bayisiga, abayicunga, uko

Sector authorities shall coordinate the conduct of inventory of abandoned property at the Cell and Village levels by specifying its number, former owners, reasons for its abandonment, its managers, its present condition and the

Les autorités de Secteur assurent la coordination d'inventaire des biens abandonnés au niveau de Cellule et de Village, en précisant le nombre, les anciens propriétaires, les motifs d'abandon, les

Official Gazette n° Special of 16/10/2015

ifashwe n’aho umusaruro uva muri iyo mitungo ujya.

purposes for which income derived from such property is used.

gestionnaires, l’état actuel et la destination des revenus qui y sont tirés.

Ubuyobozi bw’Umurenge bushyikiriza ubuyobozi bw’Akarere icyegeranyo cy’imitungo yabaruwe, na bwo bukagishyikiriza Inama Njyanama y’Akarere kugira ngo icyemeze.

Sector authorities shall submit the inventory report to the District authorities, who in turn shall submit it to the District Council for approval.

Les autorités de Secteur transmettent aux autorités de District le rapport d’inventaire qui, à leur tour, le transmettent au Conseil de District pour approbation.

Ubuyobozi bw’Akarere bushyikiriza Minisitiri icyemezo cy’Inama Njyanama ku cyegeranyo cy’imitungo yasizwe na bene yo mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y’akazi, kuva igihe icyo cyemezo kibereye ndakuka.

District authorities shall submit to the Minister the Council’s decision on the inventory report within a period not exceeding five (5) working days from the date the decision becomes final.

Les autorités de District transmettent au Ministre la décision du Conseil sur le rapport d’inventaire dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables à compter du jour où cette décision devient définitive.

Ingingo ya 5: Ibarura ry’amakonti yo mu mabanki n’ibindi bigo by’imari

Article 5: Inventory of accounts in banks and other financial institutions

Article 5 : Inventaire des comptes dans les banques et autres institutions financières

Bisabwe na Minisitiri, Banki Nkuru y’Igihugu imenyeshya iyo Minisitiri umubare w’amafaranga yasizwe na bene yo ari mu mabanki n’ibindi bigo by’imari.

Upon request by the Ministry, the National Bank of Rwanda shall provide the Ministry with information on the abandoned money on accounts held in banks and other financial institutions.

Sur demande du Ministère, la Banque Nationale du Rwanda communique au Ministère le montant de fonds abandonnés figurant sur les comptes logés dans des banques et autres institutions financières.

Bitabangamiye ibiteganywa n’andi mategeko kandi bisabwe n’urwego rubifitiye ububasha, urukiko rubifitiye ububasha rushobora kwemeza ko amafaranga avugwa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo yimurirwa kuri konti ntakorwaho ifungurwa muri Banki Nkuru y’Igihugu.

Without prejudice to other legal provisions and upon request by the relevant organ, the competent court may order the transfer of the money referred to in Paragraph One of this Article to a fixed deposit account opened with the National Bank of Rwanda.

Sans préjudice à d’autres dispositions légales et, sur demande de l’organe habilité, la juridiction compétente peut prendre la décision de transférer les fonds visés à l’alinéa premier du présent article au compte bloqué ouvert à la Banque Nationale du Rwanda.

Ingingo ya 6: Amakuru ku mitungo yasizwe na bene yo

Umuntu wese, ikigo n'urundi rwego rwose bicunga imitungo yasizwe na bene yo, bigeza amakuru ajyanye n'iyi mitungo ku buyobozi bw'Umurenge iyo mitungo iherereyemo cyangwa kuri Minisiteri mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) kuva iri tegeko rimaze gutangazwa.

Ingingo ya 7: Ingaruka zo guhisha amakuru ku mitungo yasizwe na bene yo

Minisiteri ishobora kuvana umuntu wese, ikigo, ishyirahamwe cyangwa urwego urwo ari rwo rwose, mu mutungo wasizwe na bene wo no kubishyura umusaruro wawuvuyemo uhereye tariki ya 02/03/2000 iyo bimenyekanye ko uwo muntu, icyo kigo, ishyirahamwe cyangwa urwego bahishe amakuru yerekeye uwo mutungo, babeshye cyangwa bakoresheje impapuro mpimbano kugira ngo bawutware cyangwa bawukoreshe nk'aho ari uwabo bwite, bawukodesha cyangwa bagamije kuwutubiriza agaciro k'ubukode nyakuri cyangwa ubundi buryo ubwo ari bwo bwose bukorewe ku mitungo yasizwe na bene yo, kandi bitabujije ko bakurikiranwa n'ubutabera.

Article 6: Information on abandoned property

Any natural or legal person and any other entity managing abandoned property shall provide Sector authorities of the place where the property is located or the Ministry with information on such property within a period not exceeding six (6) months from the publication of this Law.

Article 7: Consequences of concealing information on abandoned property

Without prejudice to any further legal action, the Ministry may expel any natural or legal person or any other entity from the abandoned property and demand that they pay back income that has been derived from the property since 02/03/2000 if it is proven that they concealed information on the property, provided misleading information, used false documents for the purposes of appropriation and exploitation of the property as they were the full owner thereof by renting it out, underestimating its actual rental value or making any change thereto.

Article 6: Information sur les biens abandonnés

Toute personne physique ou morale et toute autre entité assurant la gestion des biens abandonnés fournissent aux autorités de Secteur dans lequel se trouvent ces biens ou au Ministère des informations sur ces biens dans un délai ne dépassant pas six (6) mois de la publication de la présente loi.

Article 7: Conséquences liées à la dissimulation des informations sur des biens abandonnés

Sans préjudice à de poursuites judiciaires éventuelles, le Ministère peut expulser des biens abandonnés toute personne physique ou morale ou toute autre entité et exiger d'elle le remboursement des revenus provenant de ces biens depuis le 02/03/2000, lorsqu'il est établi qu'elle a dissimulé des informations sur ces biens, fourni des informations mensongères ou utilisé de faux documents à des fins de s'approprier ou exploiter ces biens comme si elle en était propriétaire en les mettant en location, en sous-estimant leur valeur locative réelle ou en y réalisant une quelconque autre transformation.

UMUTWE WA III: ITANGWA RY'IBIMENYETSO NO GUSUBIZWA UMUTUNGO

Ingingo ya 8: Itangwa ry'ibimenyetso

Ibimenyetso byerekanwa n'uwiyita nyir'umutungo bigomba kuba ari umwimerere mu gihe ari inyandiko, cyangwa ibimenyetso bidashidikanywaho mu gihe atari inyandiko.

Ingingo ya 9: Gusuzuma no gutanga umwanzuro ku bimenyetso

Iyo habaye gushidikanya cyangwa kutemera ibimenyetso byatanzwe n'uwiyita nyir'umutungo, Minisiteri irabisuzuma, igatanga umwanzuro mu gihe kitarenze iminsi mironko itandatu (60) kuva ikimara kubona ibyo bimenyetso.

Iyo uwiyita nyir'umutungo atishimiye umwanzuro wafashwe na Minisiteri ku bimenyetso bye, ashyikiriza ikirego urukiko rubifitiye ububasha.

Ingingo ya 10: Gusubiza umutungo nyirawo

Iyo nyir'umutungo yimenyekanishije, amaze no kugaragaza ibimenyetso bihamya ko uwo mutungo ari uwe koko, asubizwa umutungo we nta mpaka.

CHAPTER III: PROVISION OF EVIDENCE AND RESTITUTION OF PROPERTY

Article 8: Providing evidence

Any evidence provided by the person who claims ownership of the property must be original, if provided in writing, or otherwise be convincing.

Article 9 : Examination of and decision on evidence

In case of doubt about or rejection of evidence provided by the person claiming ownership of the property, the Ministry shall examine evidence and decide within a period not exceeding sixty (60) days from the reception of such evidence.

If the person claiming ownership of the property is not satisfied with the decision taken by the Ministry as to the validity of his/her evidence, he/she shall refer the matter to the relevant court.

Article 10 : Restitution of the property to the owner

If the owner of the property shows up and provides sufficient evidence of ownership, the property shall be automatically returned to him/her.

CHAPITRE III: PRESENTATION DE PREUVES ET RESTITUTION DES BIENS

Article 8: Présentation de preuves

Les preuves fournies par la personne qui prétend être propriétaire des biens doivent être originales, lorsqu'elles sont présentées par écrit, ou être irréfutables dans d'autres le cas.

Article 9: Examiner et décider sur des preuves

En cas de doute ou de rejet de preuves fournies par la personne prétendant être propriétaire des biens, le Ministère examine ces preuves et s'y prononce dans un délai ne dépassant pas soixante (60) jours suivant leur réception.

Si la personne qui prétend être propriétaire des biens n'est pas satisfaite de la décision prise par le Ministère sur ses preuves, elle saisit la juridiction compétente.

Article 10 : Restitution des biens au propriétaire

Lorsque le propriétaire des biens se présente et fournit des preuves suffisantes de la propriété des biens, ceux-ci lui sont restitués d'office.

Icyakora, iyo usubizwa umutungo akurikiranyweho icyaha cya jenocide, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha by'intambara, umuntu wese ubifitemo inyungu ashobora gusaba ko uwo mutungo ufatirwa by'agateganyo, hakurikijwe amategeko abigenga.

UMUTWE WA IV: IMICUNGIRE Y'IMITUNGO YASIZWE NA BENE YO

Ingingo ya 11: Uruhare rwa Leta mu gucunga imitungo yasizwe na bene yo

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, imitungo yasizwe na bene yo icungwa na Leta ihagarariwe na Minisiteri kugeza igihe bene yo bimenyekanishirije.

Icyakora Minisiteri ishobora guha uburenganzira bwo gucunga umutungo umwe mu bashobora kuwuzungura cyangwa uwari uwurimo byemejwe n'Inama Njyanama y'Umudugudu uwo mutungo uherereyemo.

Mu gihe ba nyir'imitungo bapfuye nta bazungura bafite, imitungo basize yegurirwa Leta.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gucunga imitungo yasizwe na bene yo n'imikoranire y'inzego zigira uruhare mu kuyicunga.

However, in the event that the person to whom the property is due to be restored is prosecuted for the crime of genocide, crime against humanity and war crime, any interested person may lodge a request that the property be provisionally seized in accordance with relevant legal provisions.

CHAPTER IV: MANAGEMENT OF THE ABANDONED PROPERTY

Article 11: Role of the State in the management of abandoned property

Without prejudice to other legal provisions, abandoned property shall be managed by the State represented by the Ministry until the owners show up.

However, the Ministry may grant power to manage an abandoned property to any person entitled to inherit that property or any person who formerly occupied it after approval by the Council of the Village where the property is located.

If the owners died with no heir, the abandoned property shall be devolved upon the State.

An Order of the Minister shall determine the modalities of management of the abandoned property and collaboration between organs involved in the management.

Toutefois, au cas où la personne à qui les biens sont à restituer est poursuivie pour crime de génocide, crime contre l'humanité et crime de guerre, toute personne intéressée peut introduire une demande de saisie conservatoire de ces biens conformément aux dispositions légales en la matière.

CHAPITRE IV: GESTION DES BIENS ABANDONNES

Article 11: Rôle de l'Etat dans la gestion des biens abandonnés

Sans préjudice à d'autres dispositions légales, les biens abandonnés sont gérés par le Ministère pour le compte de l'Etat jusqu'à ce que leurs propriétaires se présentent.

Toutefois, le Ministère peut accorder le pouvoir de gérer un bien abandonné à l'un des héritiers potentiels ou à toute personne qui, précédemment l'occupait après approbation du Conseil du Village du lieu de situation de ce bien.

En cas de décès des propriétaires sans héritier, les biens abandonnés deviennent la propriété de l'Etat.

Un arrêté du Ministre détermine les modalités de gestion des biens abandonnés et le cadre de collaboration entre les instances intervenant dans ladite gestion.

Ingingo ya 12: Amasezerano arebana n'ubukode bw'imitungo yasizwe na bene yo

Iyo hashobora kuba ubukode bw'imitungo yasizwe na bene yo, amasezerano arebana n'ubukode bukomoka ku mitungo yasizwe na bene yo asinywa hagati ya Minisiteri n'abantu ku giti cyabo, amashyirahamwe, inzego cyangwa ibigo bya Leta n'ibyangirika.

Igiciro cy'ubukode kigenwa hashingiwe ku gaciro k'uwo mutungo bitewe n'aho uherereye n'ibyumvikanyeho n'impande zombi. Iyo bibaye ngombwa Minisiteri yifashisha umwe mu bagize Urugaga rw'Abakora Umwuga w'Igenagaciro ku mitungo itimukanwa kugira ngo atange agaciro k'umutungo wasizwe na ryirawo.

Ingingo ya 13: Isanwa ry'umutungo wasizwe na bene wo

Iyo umutungo wasizwe na bene wo ugomba gusanwa, hashingirwa ku gaciro k'ibyakenerwa kugira ngo usanze, byaba ngombwa hagashingirwa ku gaciro kagenwe n'umwe mu bagize Urugaga rw'Abakora Umwuga w'Igenagaciro.

Ingingo ya 14: Gutanga ikibanza, inzu ituzuye cyangwa yasenyutse n'ibikorwa birimo byasizwe na bene byo

Haseguriwe ibiteganywa n'andi mategeko, byemejwe na Minisitiri ufite imitungo yasizwe

Article 12: Rental agreement for abandoned property

In case of possibility of concluding a rental agreement for abandoned property, such an agreement shall be signed between the Ministry and natural or legal persons, public or private organs or institutions.

The rental value shall be determined based on the value and place of location of the property as well as the terms agreed upon between both parties. If the Ministry deems it necessary, it shall use a member of the Institute of Real Property Valuers to determine the value of the abandoned property.

Article 13: Renovation of abandoned property

If there is a need of renovation of the abandoned property, it shall base on the value of the required works and, where necessary, the renovation shall base on the value determined by a member of the Institute of Real Property Valuers.

Article 14: Transfer of a plot, unfinished or a demolished house and associated facilities in a state of abandonment

Subject to other legal provisions, upon the approval by the Minister in charge of the

Article 12: Contrat de location relatif aux biens abandonnés

En cas de possibilité de conclusion d'un contrat de location relatif aux biens abandonnés, ce contrat est signé entre le Ministère et les personnes physiques ou morales, les institutions ou établissements de droit public ou privé.

La valeur locative est déterminée en fonction de la valeur et de l'emplacement des biens ainsi que des termes convenus entre les deux parties. S'il le juge nécessaire, le Ministère fait appel à un membre de l'Ordre des Évaluateurs des Biens Immobiliers pour déterminer la valeur des biens abandonnés.

Article 13: Rénovation des biens abandonnés

Si les biens abandonnés doivent être rénovés, la rénovation sera basée sur la valeur des travaux requis et, en cas de besoin, sur la valeur déterminée par un membre de l'Ordre des Évaluateurs des Biens Immobiliers.

Article 14: Transfert d'une parcelle ou d'une maison inachevée ou démolie et des installations connexes en abandon

Sous réserve d'autres dispositions légales et sur l'approbation du Ministre ayant les biens

Official Gazette n° Special of 16/10/2015

na bene yo mu nshingano, urwego rubifitiye ububasha rushobora gutanga ikibanza, inzu ituzuye cyangwa yasenyutse n'ibikorwa birimo byasizwe na bene byo.

Icyakora, mbere yo gutanga ikibanza cyangwa inzu n'ibikorwa birimo biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, bibanza guhabwa agaciro mu mafaranga ubihawe agomba gutanga, agashyirwa kuri konti ntakorwaho ivugwa mu ngingo ya 5 y'iri tegeko.

Icyemezo cy'iyandikisha ry'ubutaka bwazizwe na bene bwo gita agaciro nyuma yo kwandikwa k'ubuhawe kandi hamaze kuba ibarura n'irihwa ry'ibigomba kwishyurwa byose.

Ingingo ya 15: Ububasha bwemewe bwo gucunga umutungo wasizwe na bene wo

Ububasha bwemewe bwo gucunga umutungo wasizwe na bene wo ni ubutangirwa imbere ya Noteri cyangwa imbere y'abahagarariye u Rwanda mu mahanga.

Imitungo yabarirwaga mu yasizwe na bene yo, iyo habonetse ufite ububasha bwo kuyicunga, ivanwa mu mitungo yacungwaga na Minisiteri igacungwa n'ubifitiye ububasha.

abandoned property, the relevant organ may transfer a plot, unfinished or a demolished house and associated facilities in a state of abandonment.

However, before the plot or the house and associated facilities referred to in paragraph one of this article are transferred, there shall be determined the pecuniary value to be paid by the recipient and deposited on the fixed deposit account referred to in Article 5 of this Law.

The land title for the abandoned property shall be invalid after the registration of the recipient and upon the inventory and payment of all that is due.

Article 15: Power of attorney to manage the abandoned property

Only a power of attorney to manage the abandoned property granted before the Notary or the representatives of Rwanda in foreign countries shall be valid.

The property shall no longer be qualified as abandoned one under the management of the Ministry as soon as a person with capacity of managing it comes forward.

abandonnés dans ses attributions, l'autorité compétente peut transférer une parcelle ou une maison inachevée ou démolie et des installations connexes en abandon.

Toutefois, avant que la parcelle ou la maison ainsi que les installations connexes visées à l'alinéa premier du présent article ne soient transférés, il est procédé à la détermination de leur valeur dont le montant doit être payé et versé par le bénéficiaire sur le compte bloqué mentionné à l'article 5 de la présente loi.

Le titre foncier pour un bien abandonné perd sa valeur après l'enregistrement de ce bien au nom du bénéficiaire et moyennant l'inventaire et le paiement de tout ce qui est dû.

Article 15: Procuration valide pour la gestion des biens abandonnés

Seule la procuration relative à la gestion des biens abandonnés délivrée devant le notaire ou les représentants du Rwanda à l'étranger est valable.

Les biens ne sont plus comptés parmi les biens abandonnés gérés par le Ministre, aussitôt qu'une personne ayant la capacité de leur gestion se présente.

Ingingo ya 16: Umusoro ukomoka ku mitungo yasizwe na bene yo

Umusoro ukomoka ku mitungo yasizwe na bene yo ushyirwa kuri konti hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

Ingingo ya 17: Imicungire ya konti z'imitungo yasizwe na bene yo

Kimwe cya kabiri (1/2) cy'amafaranga avuye mu musaruro ubyazwa imitungo yasizwe na bene yo ashyirwa kuri konti ntakorwaho iteganywa mu ngingo ya 5 y'iri tegeko.

Amafanga angana na kimwe cya kabiri (1/2) kindi abikwa kuri konti isanzwe ifungurwa muri Banki Nkuru y'Igihugu kugira ngo azakoreshe mu gufata neza no gusana imitungo yasizwe na bene yo no gutanga imisoro.

Imicungire ya konti isanzwe ivugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo iteganywa n'iteka rya Minisitiri rivugwa mu ngingo ya 11 y'iri tegeko.

Ingingo ya 18: Gusubiza amafaranga ari kuri Konti z'imitungo yasizwe na bene yo

Iyo nyir'umutungo yigaragaje, asubizwa amafaranga ye ava kuri konti ndakorwaho iteganywa mu ngingo ya 5 y'iri tegeko bisabwe na Minisitiri, akayasubizwa havanyeho

Article 16: Tax on abandoned property

The tax on abandoned property shall be deposited on a bank account in accordance with relevant legal provisions.

Article 17: Management of deposit accounts related to the abandoned property

A half (1/2) of the amount collected from abandoned property shall be deposited on a fixed deposit bank account provided for in Article 5 of this Law.

The other half (1/2) of that amount shall be deposited on a current bank account in the National Bank of Rwanda to be used in the maintenance and renovation of the abandoned property and tax payment.

The modalities for management of the bank account mentioned in Paragraph 2 of this Article shall be determined by the Ministerial Order referred to in Article 11 of this Law.

Article 18: Refunding the money deposited on the accounts of the abandoned property

If the owner of the property shows up, he/she shall be refunded the money from the fixed bank account mentioned in Article 5, upon request by the Ministry, after deducting ten per

Article 16: Redevance sur des biens abandonnés

Les redevances sur les biens abandonnés sont versées sur un compte bancaire conformément aux dispositions légales en la matière.

Article 17: Gestion des comptes relatifs aux biens abandonnés

La moitié (1/2) des fonds tirés des biens abandonnés est déposée sur un compte bloqué visé à l'article 5 de la présente loi.

L'autre moitié (1/2) est déposée sur un compte courant ouvert à la Banque Nationale du Rwanda aux fins de la maintenance et la rénovation des biens abandonnés et payer les taxes.

Les modalités de gestion du compte prévu à l'alinéa 2 du présent article sont déterminées par l'arrêté ministériel mentionné à l'article 11 de la présente loi.

Article 18: Restitution des fonds se trouvant sur les comptes relatifs aux biens abandonnés

Lorsque le propriétaire du bien se présente, les fonds déposés sur le compte bloqué prévu à l'article 5 de la présente loi lui sont restitués sur demande du Ministère, après

icumi ku ijana (10%) ajya mu isanduku ya Leta. Asubizwa kandi amafaranga yose atarakoreshejwe kuri konti ivugwa mu gika cya 2 cy'ingingo ya 17.

cent (10%) which is transferred to the public treasury account. He/she shall be refunded any unused money from the account mentioned in Paragraph 2 of Article 17.

déduction de dix pour cent (10%) versés au compte du trésor public. Les fonds qui n'ont pas été dépensés et logés sur le compte mentionné à l'alinéa 2 de l'article 17 lui sont aussi restitués.

Bisabwe n'Intumwa Nkuru ya Leta, iyo amafaranga yashyizwe kuri konti ndakorwaho atabonye bene yo, yegurirwa Leta hakurikijwe igihe cy'ubuzime giteganywa n'amategeko, byemejwe n'urukiko rubifitiye ububasha.

On the request by the Attorney General, if there is no claimant of ownership of the money deposited on the fixed account, such money shall become the property of the State on the basis of statutory limitation period and upon the decision of the competent court.

Sur demande du Mandataire Général de l'Etat, les fonds déposés sur le compte bloqué reviennent à l'Etat en cas d'absence de son propriétaire suivant la durée de prescription légale et sur décision de la juridiction compétente.

Ingingo ya 19: Ubugenzuzi

Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta bugenzura imikoreshereze y'amafaranga ava mu mitungo yasizwe na bene yo.

Article 19: Audit

The Office of the Auditor General of State Finance shall audit the utilisation of the money from the abandoned property.

Article 19 : Audit

L'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat audite l'utilisation des fonds provenant des biens abandonnés.

**UMUTWE WA V: INGINGO
Z'INZIBACYUHO, IZINYURANYE
N'IZISOZA**

**CHAPTER V: TRANSITIONAL,
MISCELLANEOUS AND FINAL
PROVISIONS**

**CHAPITRE V: DISPOSITIONS
TRANSITOIRES, DIVERSES ET
FINALES**

**Ingingo ya 20: Igihe cyo kuvugurura
ububasha bwo gucunga umutungo wasizwe
na bene wo**

**Article 20: Period allocated to the renewal
of power of attorney to manage the
abandoned property**

**Article 20 : Délai de renouvellement de
procuration relative à la gestion des biens
abandonnés**

Haseguriwe ibiteganywa n'iri tegeko, ucuha imitungo yasizwe na bene yo hakurikijwe ububasha yari yarahawe na bene yo mbere y'uko iri tegeko ritangira gushyirwa mu bikorwa, agomba kuba yabonye ububasha bushya mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) kuva umunsi iri tegeko ritangiye gukurikizwa.

Subject to the provisions of this Law, any person managing the abandoned property by virtue of a power of attorney conveyed to him/her by the owner before the commencement of this Law must get a new power of attorney within a period not exceeding six (6) months from the date of the commencement of this Law.

Sous réserve des dispositions de la présente loi, un gestionnaire des biens abandonnés en vertu d'une procuration octroyée par leur propriétaire avant l'entrée en vigueur de la présente loi, doit se faire délivrer une nouvelle procuration dans un délai ne dépassant pas six (6) mois à compter du jour d'entrée en vigueur de la présente loi.

Ingingo ya 21: Igihe gisonewe uburyozwe

Umuntu witije umutungo wasizwe na bene wo nyuma ya jenocide yakorewe Abatutsi, ntaryozwa ibyangiritse kuri uwo mutungo n'ikoresheya ryawo kuva ku wa 19 Nyakanga 1994 kugeza ku wa 01 Werurwe 2000.

Nta nkurikizi no ku nzego za Leta, cyangwa iz'imitegekere y'Igihugu zakoresheje imitungo yasizwe na bene yo kuva ku wa 19 Nyakanga 1994 kugeza ku wa 01 Werurwe 2000.

Ingingo ya 22: Igihe gisonewe ubwishyu bw'umusaruro n'ubw'ibyakoreshejwe mu gusana imitungo yasizwe na bene yo

Nta muntu ubazwa kwishyura umusaruro wavuye mu mitungo yasizwe na bene yo kimwe n'ibyakoreshejwe n'uwari utuye muri bene iyo mitungo kuva ku wa 19 Nyakanga 1994 kugeza ku wa 01 Werurwe 2000.

Ingingo ya 23: Uburenganzira bwo kwitabaza inkiko

Abantu basize imitungo yabo ikaza kugurishwa n'abatari ba nyirayo cyangwa abatabifitiye uburenganzira, igihe bimenyekanishije, bitabaza inkiko kugira ngo basubizwe uburenganzira bwabo.

Article 21: Period for waiver of liability

Any person who took possession of the abandoned property after the Genocide against the Tutsi shall not be liable for damages or expenses that were incurred on the property from 19/07/1994 to 01/03/2000.

There shall be no effect for State institutions or administrative entities that used abandoned property in the period from 19/07/1994 to 01/03/2000.

Article 22: Period for liability waiver of payment of incomes and reimbursements of maintenance costs on the abandoned property

No person shall be liable for payment of the revenues from the abandoned property as well as the maintenance costs of the abandoned property as from 19/07/1994 to 01/03/2000.

Article 23 : Right to take a legal action

Abandoned property which has been sold by occupying people who have no such right, when the owner shows up, he/she shall refer the matter to the court in order to have his/her rights restored.

Article 21: Période d'exonération de responsabilité

Une personne qui a occupé un bien abandonné après le génocide perpétré contre les Tutsi n'est pas responsable du bien endommagé ou utilisé à partir du 19/07/1994 jusqu'au 01/03/2000.

Aucun effet n'est produit pour les institutions de l'Etat ou les entités administratives qui ont utilisé des biens abandonnés pour la période du 19/07/1994 jusqu'au 01/03/2000.

Article 22: Période de non exigibilité des revenus et des dépenses d'entretien sur les biens abandonnés

Nul n'est tenu responsable du paiement des revenus provenant des biens abandonnés ni du remboursement des dépenses effectuées par leurs occupants pour l'entretien de ces biens, à partir du 19/07/1994 jusqu'au 01/03/2000.

Article 23: Droit d'intenter une action en justice

Tout bien abandonné qui a été vendu par les personnes qui n'en sont pas propriétaires ou qui n'ont pas un tel droit, lorsque le propriétaire se présente, il recourt aux juridictions pour qu'il soit rétabli dans ses droits.

Official Gazette n° Special of 16/10/2015

Imitungo yasizwe na bene yo yagurishijwe n'abatari ba nyirayo cyangwa abatabifitiye uburenganzira, ikurikiranwa na Minisiteri ikayigarura mu mitungo yasizwe na bene yo.

The Ministry shall carry out the follow up of any abandoned property which has been sold by people who are not their owners or by people who have no right to that property and restore them to the inventory of abandoned property.

Le Ministère assure le suivi de tous les biens abandonnés qui ont été vendus par des personnes qui ne sont pas leurs propriétaires ou par les personnes qui n'en ont pas le droit et les rétablit dans l'inventaire des biens abandonnés.

Ingingo ya 24: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Article 24: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 24: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Iri tegeko ryateguwe risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en kinyarwanda.

Ingingo ya 25: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko

Article 25 : Repealing provision

Article 25: Disposition abrogatoire

Itegeko n° 28/2004 ryo ku wa 03/12/2004 ryerekeye imicungire y'imitungo idafite bene yo kimwe n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi binyuranyije na ryo bivanyweho.

The Law n° 28/2004 of 03/12/2004 relating to management of abandoned property and all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

La Loi n° 28/2004 du 03/12/2004 relative à la gestion des biens abandonnés, ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 26: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 26: Commencement

Article 26: Entrée en vigueur

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette n° Special of 16/10/2015

Kigali, ku wa 22/08/2015

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiriw'Ubutabera / Intumwa
Nkuru ya Leta

Kigali, on 22/08/2015

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

**Seen and Sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice / Attorney General

Kigali, le 22/08/2015

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

Vu et Scellé du Sceau de la République :

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux